## ITANGAZO RY’IBIRO BY’INTUMWA YA PAPA MU RWANDA

Ibiro by’Intumwa ya Papa mu Rwanda bitewe ishema no gutangaza ko kuri uyu wa gatandatu, tariki 6 Gashyantare, saa sita (12h00), ku isaha y’i Roma – ari yo **saa saba** (13h00) ku isaha y’i Kigali – Nyirubutungane Papa Fransisko yagennye Nyakubahwa Padiri **Edouard SINAYOBYE** ngo abe Umwepiskopi bwite wa Diyosezi ya Cyangugu.

Kugeza ubu yari Padiri Mukuru wa Seminari Nkuru yitiriwe Umwamikazi w’Intumwa y’i Nyumba ho muri Diyosezi ya Butare.

Ibiro by’Intumwa ya Papa mu Rwanda byohereje, ku mugereka w’iri tangazo, iby’ingenzi byaranze ubuzima bw’Umushumba mushya.

Ibiro by’Intumwa ya Papa mu Rwanda bibaye bishimiye abari bukoreshe uburyo bwose bw’isakazamakuru mu kumenyekanisha iyi nkuru.

Bikorewe i Kigali, ku wa 6 Gashyantare 2021

**Nyiricyubahiro Musenyeri Edouard SINAYOBYE**
***Ibyaranze Ubuzima bwe kugeza ubu***

Edouard SINAYOBYE yavutse ku wa 20 Mata 1966 i Butare mu Rwanda.

-1973-1982 – Yize amashuri abanza ku ishuri rya Paruwasi Higiro.
-1988-1993 – Yize mu Iseminari Nto yitiriwe Mutagatifu Lewoni y'i Kabgayi ahakura impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye mu ishami y'ikilatini n'indimi.
-1993-1994 – Yize mu Iseminari Nkuru ya Rutongo.
-1994-2000 – Yize filozofiya na tewolojiya mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda.
-12/08/2000 – Yabaya Padiri wa Diyosezi ya Butare.
-2000-2005 – Yakoze ubutumwa bw'Umupadiri wungirije kuri Paruwasi Katedrale ya Butare anayobora Komisiyo y'Ubutabera n'amahoro muri Diyosezi.
-2005-2008 – Yabaye Padiri Mukuru wa Paruwasi Gakoma aba n'umwe mu bagize Komisiyo ya Diyosezi yita ku mutungo.
-2008-2013 – Yize i Roma ahakura impamya bumenyi y'ikirenga muri tewolojiya
-2010-2013 – Yakomeje amasomo ye abifatanyije no kwigisha tewologiya mu Iseminari Nkuru y'i Kabgayi, yabaye kandi umuyobozi wa Caritas ya Diyosezi ya Butare (2010-2011) n'ushinzwe umutungo wa Diyosezi (2011-2013).
-Guhera muri 2014 – Yabaye Padiri Mukuru wa Seminari Nkuru ya Diyosezi ya Butare abifatanyije no kwigisha tewolojiya mu Nyakibanda no muri Kaminuza Gatolika ya Butare. Yakomeje kandi no kuba umunyamabanga wa Komisiyo y'Abepiskopi inshinzwe ihamagarirwabutumwa n'umwe mu bagize Komite yo mu rwego rw'igihugu ishinzwe gutegura amakoraniro y'Ukaristiya.

**-Ku wa 6 Gashyantare 2021 – Yagizwe Umwepiskopi wa Cyangugu na Nyirubutungane Papa Fransisko**

- **Indimi avuga:** Ikinyarwanda – Igifaransa – Igitaliyani – Icyongereza – Igiswayile

- **Yanditse** kimwe mu bitabo byiza byanditswe ku mabonekerwa ya Bikira Mariya i Kibeho: "*Amabonekerwa ya Nyina wa Jambo i Kibeho*", tugenekereje mu kinyarwanda.

- **Izindi nyandiko ze:** Igitabo ku isakramentu ry'imbabazi: "Yohani Pawulo II, Ingenzi igana ukwizera" Komora ibikomere by'ubuzima "Kabeho". Guherekeza abantu benda guca "Kabeho iteka". "Nyina wa Jambo i Kibeho, Ingabire yo kwivugurura kuri roho mu gihe cyacu".